# Uburenganzira bw'umuyisilamu kuri mugenzi we buri mu byiciro bitanu: Kwikiriza indamutso (A-Salaam, igihe agusuhuje), kumusura yarwaye, kumuherekeza bagiye kumushyingura yapfuye, kwitabira ubutumire bwe igihe yagutumiye, no kumusabira impuhwe za Allah igihe yitsamuye

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Uburenganzira bw'umuyisilamu kuri mugenzi we buri mu byiciro bitanu: Kwikiriza indamutso (A-Salaam, igihe agusuhuje), kumusura yarwaye, kumuherekeza bagiye kumushyingura yapfuye, kwitabira ubutumire bwe igihe yagutumiye, no kumusabira impuhwe za Allah igihe yitsamuye."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza bumwe mu burenganzira bw'umuyisilamu kuri mugenzi we w'umuyisilamu. Uburenganzira bwe bwa mbere ni ukwikiriza indamutso ye y'amahoro akwifurije igihe agusuhuje. Ubwa kabiri: Ni ukumusura igihe yarwaye. Ubwa gatatu: Ni ukumuherekeza igihe bagiye kumushyingura igihe yapfuye, kuva mu rugo rwe, aho bamukoreye isengesho ry'uwapfuye kugeza amaze gushyingurwa. Uburenganzira bwa kane: Kwitabira ubutumire bwe igihe yagutumiye mu birori by'ubukwe no mu bindi. Uburenganzira bwa gatanu: Nuko igihe yitsamuye agashimira Allah, umwifuriza impuhwe ukamubwira uti: YAR'HAMKALLAH: Allah akugirire impuhwe, nawe akamusubiza ati: YAHDIIKUMULLAH WA YUSW'LIH BALAKUM: Allah abayobore kandi abatunganyirize ibyanyu.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee